Maine Center for Disease Control and Prevention
An Office of the Department of Health and Human Services

**Ibibazo bikunda kubazwa--ipaji ya 19**

**Igihe nujuje ibisabwa ngo nakirwe muri Gahunda ya WIC, mara igihe kingana iki mpabwa inkunga?**

- Igihe utwite
- Igihe wonsa umwana wawe, urayihabwa kugeza ku mwaka umwe nyuma yo kubyara
- Igihe utonsa umwana wawe, urayihabwa kugeza ku mezi atandatu nyuma yo kubyara
- Kugeza umwana agize imyaka itanu

**Bigenda bite ndamutse nimutse?**

Igihe uteganya kwimukira ahandi muri Maine, ushobora gushaka urutonde rw'ibiro bya Gahunda ya WIC muri iyi Leta unyuze ku rubuga rwacu ari rwo **www.wicforme.com**. Igihe uteganya kwimukira ahandi hatari muri Leta ya Maine, bimenyeshe abakozi ba Gahunda ya WIC.

**Uguhagarariye ni muntu ki?**

Uguhagarariye ni umuntu wizeye. Uyu ni umuntu uba wahaye uruhushya rwo gukoresha inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) mu iduka cyangwa kuguhagararira muri randevu wahawe na Gahunda ya WIC. Igihe uhisemo ko umuntu aguhagararira, uwo muntu agomba:

- Gushyira umukono inyuma ku gatabo ka WIC
- Kukazana ku iduka igihe ari bukoreshe inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato
- Gusobanukirwa ibiribwa bigomba kugurwa ndetse n'uko inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja y'Abana bato zikoreshwa
- Kwitwaza aka gatabo igihe agiye muri randevu ya Gahunda ya WIC ndetse n'icyangombwa kimuranga

**Kubera iki abakozi ba Gahunda ya WIC badashobora guha abandi bantu bo mu muryango wanjye cyangwa inshuti zanjye amakuru yerekeye umwana wanjye cyangwa anyerekeyeho?**

Gahunda ya WIC yubahiriza uburenganzira bwawe bujyanye n'ubuzima bwite. Gahunda ya WIC ntizigera itanga amakuru ayo ariyo yose utabanje kubitangira uburenganzira. Ni ukuvuga yaba amakuru ajyanye n'amasaha ya randevu wahawe ndetse n'ajyanye n'ubuvuzi. Ariko igihe umukozi wa WIC akeka ko ubuzima bw'umwana bushobora kuba buri mu kaga, itegeko rimusaba ko ahita abimenyesha Umukozi wa Minisiteri y'Ubuzima (DHHS) uhita akurikiranira hafi umuryango.

**Bigenda bite igihe ntaye inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC)?**

Ihutire kubimenyesha ibiro bya WIC. Ha inyandiko zawe z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) agaciro nk'ako waha amafaranga. Zibike ahantu hafite umutekano.

Maine Center for Disease Control and Prevention
An Office of the Department of Health and Human Services

**Ese ngomba kugura ibintu byose biri ku nyandiko y'inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato?**

Oya, si ngombwa ko ufata ibintu byose biri ku nyandiko yawe y'inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato? Gura gusa ibiribwa uzi ko ukeneye gukoresha.

**Bigenda bite iyo nkoresheje inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) zose kandi imfashabere y'umwana ikaba yashize cyangwa idahagije?**

Gahunda ya WIC ishobora gutanga gusa umubare runaka w'imfashabere buri kwezi. Uko umwana wawe agenda akura, agenda akenera imfashabere zirenze izo ugenerwa mu rwego rwa Gahunda ya WIC. Igihe bigenze bityo, uba ugomba kwigurira imfashabere zirengaho kugeza igihe uzongera guherwa izindi nyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC).

**Ese nshobora kwitabira Gahunda za WIC zirenze imwe icyarimwe?**

Oya.

**Kubera iki abakozi ba Gahunda ya WIC badashobora guha abandi bantu bo mu muryango wanjye cyangwa inshuti zanjye amakuru yerekeye umwana wanjye cyangwa anyerekeyeho?**

Gahunda ya WIC yubahiriza uburenganzira bwawe bujyanye n'ubuzima bwite Gahunda ya WIC ntizigera itanga amakuru ayo ariyo yose utabanje kubitangira uburenganzira. Ni ukuvuga yaba amakuru ajyanye n'amasaha ya randevu wahawe ndetse n'ajyanye n'ubuvuzi. Ariko igihe umukozi wa WIC akeka ko ubuzima bw'umwana bushobora kuba buri mu kaga, asabwa guhita abimenyesha Umukozi wa Minisiteri y'Ubuzima (DHHS) uhita akurikiranira hafi umuryango.

**Bigenda bite igihe ntaye inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC), zibwe cyangwa zikangirika?**

Ihutire kubimenyesha ibiro bya WIC. Ha inyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) agaciro nk'ako waha amafaranga. Zibike ahantu hafite umutekano.

**Ese ngomba kugura ibintu byose biri ku nyandiko yange y'inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato?**

Oya, si ngombwa ko ugura ibintu byose biri ku nyandiko yawe y'inkunga igenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato? Ushobora kugura gusa ibiribwa uzi ko ukeneye gukoresha.

**Bigenda bite iyo nkoresheje inyandiko zanjye z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC) zose kandi imfashabere y'umwana ikaba yashize cyangwa idahagije?**

Gahunda ya WIC ishobora gutanga gusa umubare runaka w'imfashabere buri kwezi. Uko umwana wawe agenda akura, agenda akenera imfashabere zirenze izo ugenerwa mu rwego rwa Gahunda ya WIC. Igihe bigenze bityo, uba ugomba kwigurira imfashabere zirengaho kugeza igihe uzongera guherwa izindi nyandiko z'inkunga zigenerwa Ababyeyi, Impinja n'Abana bato (WIC).